# POLITIKI Y'IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE MU RWANDA

## Politiki y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu Rwanda: Ibibazo bikunze kwibazwa n'ibisubizo byabyo

### 1 Kuki hagiyeho politiki y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu Rwanda, ni ryari izashyirwa hanze?

**Igisubizo:** Politiki y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu Rwanda yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku ya 18 Ukwakira 2024, igamije gushyiraho uburyo buboneye bwo kugabanya imbogamizi zijyanye n'imibereho y'abaturage no kongera inyungu zishoboka zo mu rwego rw'ubukungu zikomoka ku mikino y'amahirwe. Iyi politike kandi igamije gushyiraho uburyo bunoze bwo kugabanya ibyangiza imibereho y'abantu no kongera inyungu mu bukungu. Izatangazwa ku rubuga rw' Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Iterambere mu Rwanda ku ya 22 Ugushyingo 2024.

### 2 Ni izihe mpinduka iyi politiki izanye?

**Igisubizo:** Iyi politiki igaragaza ingingo zitandukanye mu kwirinda ingaruka mbi z'imikino y'amahirwe, gufasha mu gushyiraho ahakorerwa imikino y'amahirwe hatekanye no kubyaza umusaruro umutungo ukomoka muri ibyo bikorwa muri gahunda y'iterambere ry'imibereho myiza n'ubukungu. Politiki yubakiye ku nkingi eshatu z'ingenzi: (1) Igabanywa ry'ingaruka mbi ku mibereho n'ubukungu, (2) Iyongerwa ry'inyungu ku bukungu, (3) n' nzego ngenzuramikorere zifite ubushobozi n'imikorere ishingiye ku bisabwa. Izo nkingi zizashingira ku bikorwa bigamije gushyiraho uburyo buhurijwe hamwe bw'igenzura, uburyo bushya bwo gutanga ibyangombwa n'amabwiriza mashya y'imikino y'amahirwe.

### 3 Hazajyaho ibisabwa bishya mu gutanga impushya?

**Igisubizo:** Yego, iyi politiki igena uburyo impushya ku bigo bikora ubucuruzi mu mikino y'amahirwe zizatangwa.

### 4 Ni iyihe mirongo yashyizweho ngo harengerwe ubuzima rusange n'imibereho myiza y'abantu?

**Igisubizo:** Iyi Politiki y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe yitsa cyane ku bisabwa ngo habungabungwe kurengera abitabira ibikorwa by'imikino y'amahirwe. Muri ibyo harimo ibikorwa no kwamamaza bimenyekanisha imikino y'amahirwe biha agaciro abayikina, imyaka y'ubukure ku bakina bene iyo mikino, uburyo bikurikiranwa n'uburyo bwo kwigomwa gukina bene iyo mikino. Byiyongereyeho kandi, abashora imari muri urwo rwego bashyiriweho uburyo bwo gufasha ababaswe n'imikino y'amahirwe ku bufatanye n'inzego zibifitiye ubushobozi mu kubungabunga ubuzima bw'abantu.

### 5 Iyi Politiki ivuga iki ku mashini zinjizwamo ibiceri?

**Igisubizo:** Bitewe n'uburyo imashini zinjizwamo ibiceri zigira ingaruka ku bakina imikino yazo no ku bantu muri rusange ndetse n'uruhare rucye rw'inyungu zigira mu bukungu, zigomba kureka gukoreshwa. Ku bijyanye n'imashini zafatiriwe z'abari bafite ibyangombwa, bizakemurwa mu buryo buzumvikananwaho n'abashoramari hamwe n'abarebwa no kugenzura imikino y'amahirwe. Ku birebana n'imashini zafatiriwe z'abadafite ibyangombwa, hazakurikizwa icyo amategeko agena.

6 **Politiki y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu Rwanda itanga uwuhe murongo ku misoro ku bakora ubucuruzi muri iyo mikino?**

**Igisubizo:** Abarebwa no kugenzura imikino y'amahirwe bari gukorana na Minisiteri y'Imari n'Ubukungu (MINECOFIN) ngo hashyirweho uburyo bunoze kandi bworoheje bw'imisoreshereze ku bashora mu mikino y'amahirwe. Ubwo buryo buzafasha mu gukusanya imisoro, guteza imbere ibikorwa bizamura imibereho myiza y'abaturage, hazirikanwa guca intege abakina iyi mikino ku buryo burengeje urugero. Ingano y'imisoro izagendera ku ngaruka buri cyiciro cy'umukino w'amahirwe ugira ku mibereho y'abaturage n'ubukungu bw'Igihugu.

7 **Ni ubuhe bufasha Urwego rw'igihugu rushinzwe iterambere mu Rwanda (RDB) ruzatanga ku bigo bikora ubucuruzi mu by'imikino y'amahirwe byagizweho ingaruka no guhinduka kwa politiki y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe?**

**Igisubizo:** Urwego rwa RDB rwiteguye gufasha ibigo bikora ubucuruzi mu by'imikino y'amahirwe byagizweho ingaruka no guhinduka kwa politiki ibigenga muri ubu buryo:

- Kunoza uburyo abakora mu by'imikino y'amahirwe bahabwa ibyangombwa bisabwa.
- Gushyiraho igihe cy'inzibacyuho mu rwego rwo gufasha abashora imari mu mikino y'amahirwe kugira ngo bagendane n'ibyo politiki nshya isaba.
- Gushyiraho uburyo bwo gufasha ibigo bikora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe guhuza imikorere yabyo n'ibisabwa na politiki nshya.

8 **Uburyo bushya bwo gutanga impushya buzakorwa hagamijwe kwimakaza gukorera mu mucyo no kubahiriza ibisabwa?**

**Igisubizo:** Bigendeye ku kwimakaza gukorera mu mucyo, RDB izashyira mu buryo gahunda zo gutanga ibyangombwa bundi bushya hagendewe ku bisabwa byosemu gutanga impushya ku byiciro byose by'ibikorwa by'imikino y'amahirwe yashyiriweho ari ku basanzwe bakora ibijyanye n'imikino y'amahirwe ndetse n'abashya. Uburyo bwo gutanga impushya buzagendera ku bisabwa bisobanutse, hagenderwa ku bikorwa by'ubuzima rusange, hanimakazwa gukorera mu mucyo no kubahiriza ibisabwa ndetse no guhigana biciye mu mucyo.

9 **Politiki nshya iteganya iki ku mikino y'amahirwe ikinirwa ku mbuga za interineti/murandasi?**

**Igisubizo:** Muri politiki nshya y'Imikino y'amahirwe, bene iyo mikino ikorerwa ku mbuga za interineti/ murandasi yashyiriweho ingamba zikomeye ngo hubahirizwe amategeko yagenwe, hanakurweho imbogamizi zose mu kurengera abitabira imikino y'amahirwe bikozwe mu mucyo kandi habungabungwa ubukungu. Hashyizweho amabwiriza azagena ibisabwa ngo hatangwe impushya, ibyitabwaho ku rwego rwa tekiniki nabyo bishyirwa imbere ku bashora mu mikino y'amahirwe muri murandasi.

10 **Ni gute abakora ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu buryo butemewe bamenyekanishwa?**

**Igisubizo:** Urwego rw'igihugu rushinzwe iterambere mu Rwanda rurashishikariza abantu bose kumenyekanisha abakora ubucuruzi bw'ibikorwa by'imikino y'amahirwe itemewe cyangwa se iteye inkeke mu rwego rwo kubungabunga umutekano w'abaturage. Gutanga amakuru kuri bene ibyo bikorwa bitemewe, mwamenyesha RDB kuri iyi aderesi NLGC@rdb.rw.

11 **Ni izihe ngamba z'igihe kirekire ziri muri politiki nshya y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe?**

**Igisubizo:** Mu gushyira mu bikorwa politiki y'imikino y'amahirwe, u Rwanda rugambiriye gushyiraho uburyo butekanye bugendeye ku mategeko anoze mu by'imikino y'amahirwe hanibandwa kugabanya ingaruka iyo mikino igira ku bantu.
Imwe mu ntego za pilitiki y'imikino y'amahirwe ni ukugabanya kubatwa n'imikino y'amahirwe ku kigero cya 60% muri 2030, kongera ubushobozi bushorwa mu bikorwa rusange mu nyungu z'abaturage ndetse no kugira u Rwanda icyitegererezo mu mategeko aboneye agenga imikino y'amahirwe mu karere.